

**YEZU ABONEKERA ANYESI KAMAGAJU**  
**I KIBEHO TARIKI YA 29-8-1983.**

UWO MUNSI NIBWO YEZU UMUBONEKERA YAMUSEZEYEHO.

Uwanditse ibi mugiyeye gusoma yari ahibereye ubwe, yandika ibyo umwana ubonekerwa avuga. Na nyuma yaho yumva cassette iriho iryo bonekerwa ryose, abyandukura uko byavuzwe.

Aho musanga utumenyetso dushushanyije dutya: ===== mumenye ko ari nk'ijambo cyangwa se interuro bitashoboye kumvikana neza mu gihe ubonekerwa avugana n'umubonekera.

Utwo tumenyetso nimubona turangije umurongo, mumenye ko ari nk'amagambo menshi yavuzwe ntutuyumve kuko ibyuma bisakaza amajwi bitabitwumvishaga neza.

Ibonekerwa ryatangiyeye saa kumi ibura 15.

Anyesi araza apfukama kuri rwa rutara babonekererwagaho (podium). Ibyuma bigenewe gusakaza amajwi ntabwo byatwumvishije intangiriro y'ibonekerwa, usibye ko twumvaga Anyesi anyuzamo akaririmba nk'uko muri bubone indirimbo zanditse.

– =====

– *Indirimbo: Ngwino Yezu Mukiza*  
*Ngwino Funguro ryacu.*

*Ndi umugati ubeshaho*  
*Wamanutse mu ijuru*  
*Unsanga ntazasonza.*

– Ni heza cyane =====

=====

– *Indirimbo: Nta rukundo rwaruta*  
*Nko kwitanga no gupfa*  
*Ugirira abo ukunda.*

*Ngwino Yezu Mukiza*  
*Ngwino Funguro ryacu.*

– Ntabwo mbimaranye iminsi.

=====

– *Indirimbo: Umwami ageze iwacu*  
*Niwe Mana yacu*  
*Umukiza wacu*  
*Ni imbaraga zacu*  
*Niwe tuzabana.*

=====

– *Indirimbo: Mwami ntabwo nkwiye*

*Ko winjira iwanjye  
Ni wowe ubishatse  
Ngo ntagira ubwoba.*

*Umwami ageze iwacu  
Niwe Mana yacu  
Umukiza wacu  
Ni imbaraga zacu  
Niwe tuzabana.*

*Yezu watubwiye  
Nzahorana namwe  
Nanjye ndaguhawe  
Ngo mporane na we.*

*Umwami ageze iwacu  
Niwe Mana yacu  
Umukiza wacu  
Ni imbaraga zacu Niwe tuzabana.*

- =====
- Ndananiwe cyane. Nagira imbaraga zanyu.
  - Narababaye ariko, ndumva mbabaye kandi ntabwo ndabona ikintu gituma mbabaye cyane.
  - icya mbere kimbabaje, ni uko munsezeraho. Uyu muni niko gahinda nari mfite ariko nkagize aho ngereye aha handi mwabanje kumbonekera. Niho agahinda katangiye kuza kandi ntari ngafite.
  - Oya ntabwo nari nabahamagaye, ariko rero aho tumariye kubonanira niho nababaye, kandi ndanababona. Kugira ngo rero mbe narababonye noneho nzajye ntegereza ntakibabona, urumva ko bizambabaza kuruta uko nari meze ntarababona.
  - None se uwo mwiyeretse n’uwo mutiyeretse, uwo mwiyeretse mumusezeyeho, urumva yababara kimwe n’utigeze ababona na rimwe mu maso ?
  - Uwabarebye mu maso niwe wagira agahinda cyane. Kuko aba yibuka ukuntu yabarebaga, yagira nk’ibibabaza byinshi akabibabwira mukabimuhera nk’igisubizo. Naho se ubungubu nimudusezeraho, umuntu akagira nk’ibibazo byinshi, akazategereza akababura, urumva ko atazagira agahinda cyane!
  - Kubabona mu nzozzi ntabwo ari kimwe no kubirebera nk’uko mbareba. Inzozzi hari ubwo umuntu yavugaga ko yahibeshya ari uko abatekereza bitewe n’uko mwiyeze kumwiyereka. Ntabwo yahamya ko ari mwebwe. Akavugaga ati ni iby’inzozzi. Yego no kumva ijwi ntabwo ari kimwe na none no kwicara ahongaho nta n’ijwi umuntu yumva.
  - Ariko urumva kubanza kumva ijwi umuntu atakurora, nta kuntu umuntu ya.., yabanza akajijinganya ati ese uwo umpamagara ni inde ntanamureba ?
  - Yego amagambo yanyu niyo afite akamaro, ariko no kubareba mu jisho biragafite.

- *Indirimbo: Nzakogeza Nyagasani Mana yanjye.*
- Ndumva noneho agahinda kagabanutse ntabwo ari nka mbere.
- Nizeye ko mungezaho amakuru menshi cyane, kuko ari wo musu wa nyuma
- Nanjye ndayababwira, ariko rero byose ndabiterwa nuko mushatse ukuntu nyabagezaho.
- Narishimye cyane.
- Nabo barishimye.
- Ibyo ari byo byose ntabwo ari jye!...
- Wabibagejejeho!!!
- Oya ntabwo hari ku mbaraga zanjye. Ariko ntangira nari nabanje kugira ubwoba bwinshi.
- Narabugize!!!
- Nibazaga yuko ntarabona imbaraga zanyu.
- Ntabwo mbizi.
- Oya usibye ko ibyanyu byose, uko mushatse gukoresha biba ari byiza. Ariko ubundi uko nabaga meze, nabonaga ari byiza kuruta ubungubu.
- Ndumva nta kintu cyahindutseho usibye yuko.., ni urwibutso yuko mwampaye kujya mbona abantu.
- Ku mbaraga zanyu nzabishobora.
- Muri iyo minsi se, nzaba nkora iki?
- UGUSHAKA KWAVE UMUNTU YAGUKORA MURI BYINSHI.
- Aho uzanyohereza nzajya ahongaho.
- icyo nanga se.., nta nzira nanga, zose ndazemera ku bwawe.
- Ubwo mba nibeshya!!!
- Hose ndahazi. Aho mwagiye mumvana hose, hose iyo jyewe mpatekereje numva ariho ngize akababaro kenshi cyane.
- Aha! Ntabwo kandi nshobora kuhirengagiza!
- Usibye ko intege nkeya ku bantu zibaho, ariko ntabwo nshobora kwirengagiza ahantu mwankuye!

- Ubu rero mbona mwarankuye muri byinshi cyane byari bimaze kunyobera no kumbera urujijo.
- Kubera iki se muvuze, ngo IYI TARIKI NZAYITONDERE, KANDI NZITONDERE N'IBISOBANURO N'IBIBAZO NZABAZWAHO?
- icyo gihe muzabinsubiriza kandi muzampa no kwikomeza.
- Oya, uzabisobanure, byo kuzaba urujijo kuri benshi. Byo kuzaba urujijo kuri benshi ngo bibe n'amayobera kuri benshi. Nizeye ko muzabisobanura bitagombye kujija abantu no kubabera amayobera.
- Oya ntabwo bizibagirana. Bizimanganywa n'iki se, ntimuzaba muhibereye kandi muyobora buri wese!
- Nzabisobanure ngo iki?
- Uzayibumbe kandi uyibumbatire. Uzayihurize hamwe kandi uyihe n'urukundo. Uzayihe ukwemera gukomeye no kwizera.
- Uzayishyigikire.
- Ubwo se kuri uwo munsu ntuzaba ukiyibumbatiye?
- Kubera iki se muvuze ngo MUTWIFATIYE GUTYA ?
- Ubwo se twakwirwaho twese?
- Ndabona ari hatoya cyane!
- Nibyo koko, aho ho ni uguhakana, nibyo nduzi; kandi sinabihakana; uwabibwira nk'undi yabona ko bidashobora gushoboka.
- Twese uko tungana! Buri muntu ugiye umwifatiye akaboko! Uzadukomeze twokuzakugwana.
- Ndumva ari byinshi cyane mumbwira! Ko uvuga ngo URAMBWIRA BYINSHI SE BIZABANKUMBUZA KURUTA UBUNDI!
- Ubwo se.., nzabakumbura cyane!
- Aho nahagereye waje rimwe.
- Ntabwo ari icyanjye ni icyawe.
- Kandi n'ubu urakomeze, uko wabishyigikiye, ukabibuza zirya nzira, uzakomeze ubishyigikire.
- Uzabishyigikire kandi uzakomeze ubibumbatire.
- Yewe, warabibumbatiye usibye ko....., ngejeje aho ngaho!!!

- Ntabwo twebwe tubimenya.
- Kuko.., ariko navuga abanyarwanda kuko ari bo nzi kandi ari naho ngera. Ariko ubwo ni ku isi yose.
- Ibyo ntabwo tubyumva kandi ntitunabimenya! N’ubyumvise akanabimenya imbaraga ziramuganza, akaba yashobora kubikora no kubivuga ari ku mbaraga nkeya yagize, ariko ubundi atabihakana.
- Indirimbo: Roho yanjye singiza Nyagasani.
- Erega n’ubundi =====.
- =====
- Urukundo bamwe bararufite ariko abandi ntarurabazamo.
- Indirimbo: Twe abayoboke ba Yezu Kristu.
- Uzadukomeze mu kwizera no mu kugukunda.
- Uzaduhe kukwisunga, mu mubabaro, mu byago, mu gahinda no mu bindi byose ubona bitunaniza ku isi.
- Uzaduhe ukwemera guhamye no kukwizera igihe cyose!
- Uko wabyugishije ni ko ngomba kugusubiza. Kuko namwe ndabona mwamvugishije mwitonze cyane!
- Nawubonye. MU BITUGU: UMUSARABA; MU GATUZA: UMUSARABA.
- IKIRI IMBERE KIRERA, IKIRI INYUMA KIRAJYA GUSA N’ICYATSI.
- Ubwo se mu mutwe navuga ko mwambaye nk’iki, ko mbona nta kintu nabigereranya!!!
- Ndabona IMPANDE ZOSE, ARI KU RUHANDE, MU MISAYA, ARI IMBERE, ARI INYUMA, HOSE HATERA IBISHASHI.
- Kuki se mumbwiye ngo: NANJYE ITEKA, ARI UWO MUSARABA WAVE MU BITUGU, ARI NO MU GATUZA, IGIHE CYOSE BIJYE BIHORA(Anyesi araseka, nyuma ijambo yakurikijeho ntiryumvikanye neza ariko ucishirije ni: (BINDIHO), NI UKUBERA IKI?
- Ntabwo nzabibagirwa.
- Nzabizirikana ariko sinavuga ku mbaraga zanjye, ni ku mbaraga zanyu, i mwe muzabimpamo imbaraga kugira ngo nshobore kubizirikana no kubyemera igihe cyose.
- Ni iki gitumye se, mumbwira ngo: NZAJYA MPORA NYWUGENDANA, AHO NGIYE HOSE?
- Ibyo se nibyo mwahoze mumbwira yuko uri bunyereke ibintu byinshi bizabankumbuza ?

- Ndaharuzi. Nzahazirikana.
- Nzabyemera, ariko ari ku bwanyu.
- Nzahaca.
- Ku bwanyu sinabishobora, ku bwanyu nabishobora.
  
- ===== (Anyesi araseka)
  
- Ubwo se uwo mwari mwambaye mukaba mwarawubitse kugeza iki gihe! Ntimugira amazi se ngo mube mwarawumeshe! Mugomba kuwubika!!! (Anyesi araseka)
  
- =====
  
- Ndaseka kandi nababaye!!!
  
- Ubu se ndaseka nkuryarya!
  
- =====
  
- Natwe rwose, hariho igihe umuntu agira ibimubabaza byinshi cyane, mbese akiheba, akabura ukuntu yifata, akabona yuko mutanakimwibuka rwose.
  
- =====
  
- Mumbwiye nko ku wa kabiri no ku wa gatanu.
  
- *Indirimbo: Nta rukundo rwaruta (Ngwino Yezu Mukiza).*
  
- Ahubwo noneho, ngaho njya naseka! Aho ho hari mu byishimo ntabona uko mvuga! (Anyesi araseka). Nari ngiye kukubwira, none nsanze...., kabishywe ntabivuze!!! Byari bigiye kuba nka wa wundi ngo: "Ingayi igaya icyo ihawe"! (Aragumya araseka). Ibyo naho hagomba kunshimisha ariko icyo bintungurira aho uko uri ahongaho, nari kwishima kurushaho.
  
- Yego naho hari heza, ariko ntabwo hari heza nk'uko wowe =====.
  
- *Indirimbo: Alleluya.*
  
- Uzantera kwishima igihe cyose.
  
- Nizeye ko muzadusigira ibintu by'urwibutso byinshi cyane.
  
- Kandi muzaduhe n'imbaraga zo kubakomeraho kugira ngo tutazabitandukanyaho.
  
- Abantu bose, aho bari ubu bose baragusaba imbaraga zo kugukurikira rwose, buri muntu nta bwiziganye afite, akakurundurira imbaraga ze zose. Akaba nk'igikoresho cyawe.
  
- Ubundi turagusaba URUKUNDO RUKOMEYE kugira ngo TURUSHEHO KUGUKUNDA. Turubonye byose byashoboka. URUKUNDO NICYO KINTU CYATUNANIYE! URWO KUBAKUNDA TUKUMVA KO TUBAKUNZE KOKO.
  
- NKO MU GIHE DUSENGA, TUKUMVA KO DUSENGA NTA BURANGARE DUFITE.

- Yewe, uburangare ni bwinshi! Kenshi nko MU MASENGESHO DUKUNDA KURANGARA!
- Urabona se narushye cyane!
- Birakabije se! (*Anyesi araseka*)
- Ndumva imbaraga =====
- Ubwo se ubundi urambwira ngo: NDABEHO, boshye ko TUZABA DUTANDUKANYE!!!
- Uzabigabanya se? Ntuza =====
- Ntacyo bitwaye.
- Ariko se ntihazaba hashize nk'igihe kinini?
- Wagiye se uzenguruka jye ngasigara aho nari nibereye, ntuzajya ugaruka ukahansanga?
- Turakwihaye Nyagasani.
- Turayikweguriye.
- Kuki se uvuga ngo: IBICE NTABWO BIMERA KIMWE ? (*Anyesi ahindukirira impande zose ariko akurikira Yezu umubonekera*).
- Nahabonye.
- Hamwe hafite AMAHANE. Ahandi hafite AGAHINDA.
- Ahandi hafite ITUZE no GUTEKEREZA BYINSHI.
- Nagira ngo turamarana amasaha ane byibuze!
- Wakwongeyeho se n'iya gatatu? Urumva amasaha abiri twaba tuvuganye iki koko!
- Ntabwo mbona ari menshi, kuri jye ndumva ari nk'umunota; icyakoze ndakabije ndumva ari nk'iminota itanu.
- Ntacyo bitwaye.
- Wari wambwiye ko hasigaye abiri (nako) batatu.
- Kuki se ari we ubyatse noneho akaba ari we ubihaye?
- Nzabyitegura noneho nyazane.
- Simbizi. (*Anyesi aramwongorera*)
- Urumva byashoboka?

*Indirimbo: Ni wowe nzira nziza*  
Wowe Jambo wa Rurema.

- Oya noneho ntabwo ngomba kubabara, ngomba kwishima.
- Ko wandemye agatima. Ko wambwiye ko NZAJYA NKUBONA IGICE CYO MU MASO GUSA, ibyo ntibihagije ? Kandi no MU GIHE NTAKUBONYE IGICE CYO MU MASO NZAJYA NUMVA IJWI RYAWA!!!
- =====
- Mbasabye imbaraga, nyinshi cyane. Kandi nzisabiye n'abandi bose.
- oya. Ubwo se nakwisabira jyenyine bikamariara iki ?
- Uzaduhe kujya twhangaaana, no kutazaguhemukira no kutazakwibagirwa.
- Uzaduhe gukuuundana, nk'uko uhora ubidusaba.
- Indirimbo: Ndashaka kugukunda kurushaho.  
Urankomeze iteka, Mwami Yezu.
- Iyo mumaze kwigendera, tugira integer nkeya cyane, umuntu akaba yabona n'ibintu byinshi bishobora kuba byamugusha. Aha rero tukahagira integer nkeya cyane. MUZADUFASHE.
- Kwihangan ku isi biragoye.
- Bamwe baragerageza, ariko jyewe singerageza. Mbona ngeza aho bikananira!
- Nkubeshye se!!!
- Hari n'aho ngeza aho kwihangana bikananira.
- Oya n'ubwo naba narapfuye kugerageza, ni ku mbaraga zanyu si ku bwanjye.
- Indirimbo: Imana yaduhaye umugisha.
- Indirimbo: Nzasingiza Imana.
- Singaye nawe koko!
- Ko numva mfite ubwoba bwinshi cyane? (Anyesi amara nk'iminota 3 bavugana bucece).
- Noneho ndabona nanjye.., kuki utari wambwiye... ngo ubihingukirize n'abatoya uko bizagenda! (Anyesi yitura hasi agwa yubitse inda, bimara nk'iminota 3 bavuganira aho).
- Ku muni wa nyuma koko! (Abivuga aseka).  
NI AMAYOBERA KOKO! Unkoreye ibintu bitari bisanzwe.
- Ubu se nagira integer nkeya cyaneee, nkazahereza hehe ? Ndumva hose nta na gatoya karimo. Ndumva aho ariho hose, nta n'urubaraga na ruke noneho mfite!



– Ndumva wa ===== ibyo washatse kunyereka, no kunsobanurira no kungezaho. Ahasigaye ngusabye imbaraga, kugira ngo mere uko byari bisanzwe bigenda.

– Uyu muni byahindutse cyane.

– Ubwo turabigabanya , mu isaha imwe irengaho, kuko byose, ibyo nari kukubaza, ntabwo nashoboye kubikubaza!!! Icyo nifuzaga cyane mbere jyewe nakubaza kuko abantu benshi barambaza, kandi nanjye bikambara urujijo:

Dore ubungubu murambwira ko MUNSEZERAHO UYU MUNSI. Ikintu nababazaga rero, ni INZIRA NANYURAMO, N’UKO NAKWIFATA, N’AHO NZANYURA, N’IKINTU NZAKORA.

– =====

– Umuntu anyura mu bice byinshi kandi anyura no mu nzira nyinshi. NSOBANURIRA HAMWE NGOMBA KUNYURA.

– AHO NDAHUMVISE.

– Ese muri icyo gihe ===== nzaba nkora gute, nzaba nifashe gute, nzaba nkora iki?

– NZAGIRA IMBARAGA NKEYA MU BY’ISI SE ..,

– KUGIRA INTEGE NKEYA MU BY’ISI ARIKO MU BYANYU NKAGIRA NYINSHI BYABA BIHAGIJE.

– Muzabimpe: kurushaho GUKUNDA; kurushaho KWIZERA, kurushaho KWIGOMWA no KWIBABAZA.

– Ndabyumva. Uzarumpe kandi uzamfashe.

– Kuki se MUTASHOBORA KUNSEZERERA MUNSHIMISHIJE ?

– Icyo mwashatse kugeraho ni uko: UYU MUNSI MUSHATSE KUNSEZERERA MUTANSHIMISHIJE, KANDI MUTAMBABAJE KU BURYO NAKWIHEBA, ARIKO NTISHIMYE.

– IMBARAGA MUMPAYE UYU MUNSI NKAZAZIGENDERAHO, IGIHE CYOSE AKABA ARI ZO MFATIRAHU URUGERO. NTA GUSAMARA, IGIHE CYOSE NKAMENYA YUKO, URI KUMWE NAMWE ADAHUGIRA GUSAMARA, AHUBWO AHORA AGIRA IBINTU BIMUBABAZA KUGIRA NGO ARUSHEHO KWIBUKA UBUBABARE BWANYU NO KUBUZIRIKANA.

– Muzampe byose KUBYIHANGANIRA KANDI NO KUBYAKIRA UKO BIRI.

– Ntacyo bitwaye byose ni mwe mubizi kandi ni nawe mubirora, ibizajya bimbabaza, n’ubwo ntazajya mbabona nk’uko nababonaga, nzajya menya yuko mubyumva kandi mubyakira.

– (Anyesi avugana ikiniga n’amarira). Ntacyo bitwaye uzajya ukomeza utwihanganishe, kandi uduhe n’imbaraga zo gukomeza kugukorera, UKO UBYIFUZA; wihanganishe n’abandi bose bafite agahinda bababaye cyane.

– Uduhe guhora TUGUKUNDA igihe cyose, tumenye ko ARI WOVE UTANGA BYOSE KANDI URUTA BYOSE.

– Uduhe KUBAKUNDIRA UMUBYEYI BIKIRA MARIYA YARABABAYE CYANE TUJYE DUHORA TUMWISUNZE ITEKA.

– =====

– Uyu muni utumye ntekereza byinshi cyane nari naribagiwe.

– Murakoze ubwo muvuze muti: MWANA WANJYE HUMURA, NTABWO NZAGUTERERANA.

– Ndabyemeye kandi ndabyizeye koko, KO MUTAZANTERERANA, KANDI KO MUTAZANANDEKURA.

– Nzakomeza nywutange.

– =====

– Washira?

– NI BYINSHI CYANE WAMBWIYE, BYINSHI CYANE WANSEZERANIJE, ariko ntabwo ndabwirwa, ndacyategereje.

– NI BYINSHI CYANE WAMPAYE. Uzampe KUZAJYA MBIKURIKIZA.

– MUZAREBE KU ISI UKO TUKIMEZE, UZAJYE UKOMEZA UTWONGERERE IMBARAGA.

– UZAJYE UDUHA GUKOMEZA KUMVA INYIGISHO Zawe NO GUKURIKIZA AMATEGEKO YANYU.

– UDUHE KUBA AMAHORO TUGIRE UBWUMVIKANE. UKURE INZANGANO MU BANTU.

– None se, wibinyibukiriza ahangaha, kuko byatuma noneho mbabara kurushaho no kugira agahinda. Nawe yarabimbwiye , ariko sinabona ukuntu mbivuga.

– Yambwiye igihe icyo ari cyo, ariko umuntu arambaza, nkumva kubimubwira, nahita nsuka amarira nkigendera.

– Ntabwo nibuka neza. Hakaba nk’igihe ngira nk’imbaraga no kwihangana, nkabivuga.

– Ndahamenye AHO NZAGANA, ariko rero ntabwo mwansobanuriye neza, ku buryo nasobanurira abandi ngo babyumve.

– Yee, muzabumpe kandi muzakomeze munkomeze igihe cyose.

– Ibyo ISI igutezeho, ari abaguteze amaso bese, ari abafite agahinda bese, jye sinarondora ngo mbishobore kandi ngo nabirangize urabireba byose ukuntu bimeze n’ukuntu byifashe.

– Oya ntabwo murampa KWIHANGANA KU BURYO NISHIMA ABANTU NTIBABONE KO BYAMBABAJE KO MWANSEZEYEHO!!!

– Nzabyemera, ntabwo nteze KUGUTEZUKAHO. Ariko sinabyemeza. Ni ku bwawe si ku mbaraga zanjye kandi bikorwe mu gushaka kwawe.

– Yee. Nzazizana; icyo gihe nzazitwaza.

– Murakoze; ndabashimiye! NDABASHIMIYE IBYIZA BYOSE MWANYERETSE, N’AMAGAMBO YOSE MWANGEJEJEHO. NDABIBASHIMIYE; SINABONA UKUNTU MBASHIMIRA!!! Murakoze cyane, nizeye AHO NZABA NDI NOSE KO TUZABA TURI KUMWE NAMWE, NK’UKO MWABIMBWIYE.

– Nzajya mbibuka, nibuke n’ibyo mwambwiye byose. Nzagerageza uko nshoboye kose.

– *Indirimbo: Yezu mpa kugukunda (Twe abayoboke ba Yezu Kristu dukundane nk’uko yadukunze).*

– Ndacyabigenderaho kuko, NTIMWABURA KUMBWIRA MUTI: UZAGIRE URUGENDO RWIZA MWANA WANJYE.

– Iiii; nabyumvise. IBYO KUBABARA BYOSE, NIZEYE KO AHO NDI HOSE MBONA KO TURI KUMWE NAMWE, IGIHE CYOSE NZAJYA MENYA KO TURI KUMWE NAMWE.

– Indirimbo: Biremwa byose Imana yahanze. (Nzasingiza Imana)

– Ndaririmba bibiri gusa.

– Indirimbo: Roho yanjye irasingiza Nyagasani. (Aririmba ibitero bibiri byayo).

– Ntacyo bitwaye. Ubwo se mwari kugenda wabanje kugenda kutya, ntababwiye icyo nifuzaga, ntabanasobanuje, bikaba byari binshimishije?

– Indirimbo: (Atangamo umugisha. Ayiriramba ahindukirira impande zose uko ari enye):

– NYAGASANI TUZA ROHO YANJYE IRUHARWE RWAVE MU MAHORO.

– Murakoze kubinyibutsa kuko byari byaranandenzeho

– Igihe se, igihe nzagenda cyose?

– Yee.

– Yee. Urakoze; urakoze!!!

– Amasengesho: (Anyesi atangiza ikimenyetso cy’umusaraba atera):

– Dawe uri mu ijuru.

– Isengesho ryo kwicuza ibyaha.

– Ndemera Imana Patri (Anyesi ayikiriza nk’aho ayimutereye ati):

Ushobora byose waremye ijuru n'isi, ndemera nawe umwana we w'ikinege Yezu Kristu Umwami wacu, wasamwe ku bwa Roho Mutagatifu, ukabyarwa na Bikira Mariya, ukababara ku ngoma ya Ponsiyo Pilato, ukabambwa ku musaraba, ugapfa, ugahambwa, ukamanukira mu irimbi, ku muni wa gatatu ukazuka, ukajya mu ijuru, ukaba wicaye iburyo bw'Imana Patri ushobora byose, niho uzava uje gucira imanza abazima n'abapfuye. Ndemera Roho Mutagatifu, na kiriziya Gatolika ntatifu, n'urusange rw'abatagatifu, n'uko abanyabyaha babikizwa, n'uko abantu bazazuka bakazabaho iteka. AMINA.

- Isengesho ryo gukunda.
- Yezu ugira ubupfura n'imico myiza.
- Isengesho ryo kwizera (Anyesi asa n'aho aryikirije ati):

Nizera ko bazagirira wowe akampa inema zawe mu nsi, maze ninita ku mategeko yawe, ukazambeshaho iteka mu ijuru, kuko wabidusezeranyije, kandi ukaba utica isezerano.

*(Ayo masengesho yayarangije akora ikimenyetso cy'umusaraba).*

- Ubwo se ndakubwira ngo: "URABEHO"!!!  
Ndakubwira ngo: "URAMUKE"!!!
- URARAMUKE!!!

(IBONEKERWA RIRANGIRIYE AHA, SAA KUMI N'IMWE N'IGICE)